

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBURINGANIRE

N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

IMFASHANYIGISHO

**NOZA IMIBANIRE YAWE N'UWO
MWASHAKANYE**

Nyakanga 2011

IBIRIMO

Paji

IJAMBO RY'IBANZE.....	Error! Bookmark not defined.
I. IRIBURIRO.....	Error! Bookmark not defined.
1.1. INTEG0 Y'IMFASHANYIGISHO	Error! Bookmark not defined.
1.2. ABO IMFASHANYIGISHO IGENEWE	Error! Bookmark not defined.
1.3. UBURYO IMFASHANYIGISHO YATEGUWE.....	Error! Bookmark not defined.
1.4. UKO IYI MFASHANYIGISHO IZAKORESHA	Error! Bookmark not defined.
II. IBIGANIRO	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 1: GUHITAMO NEZA UWO MUZABANA.....	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA2: KUGANIRA HAGATI Y'ABASHAKANYE	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA3: KURWANYA UBUKENE, KWITEZA IMBERE NO GUKORESHA NEZA UMUTUNGO .	Error! Bookmark not defined.
ICYICIRO CYA 1: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'URUGO.....	Error! Bookmark not defined.
ICYICIRO CYA 2:	Error! Bookmark not defined.
URUHARE RWO KUNGURANA IBITEKEREZO NO GUFATIRA HAMWE IBYEMEZO MU BIKORWA BYO KWITEZA IMBERE	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 4: INOZA MPUZABITSINA HAGATI Y'ABASHAKANYE	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 5: KUBONEZA URUBYARO	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 6: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE BY'UMUGABO N'UMUGORE.....	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 7: GUKUMIRA IHOHOTERWA HAGATI Y'ABASHAKANYE..	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 8: GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE HAGATI Y'ABASHAKANYE	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 9: INSHINGANO Z'ABABYEYI MU BURERE BW' ABANA BABO.....	Error! Bookmark not defined.
IKIGANIRO CYA 10: URUHARE RW'AMATEGEKO MU KUNOZA IMIBANIRE Y'ABASHANYE	Error! Bookmark not defined.

UMWANZURO..... **Error! Bookmark not defined.**

INYANDIKO ZAKORESHEJWE..... **Error! Bookmark not defined.**

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imibanire y'abashakanye, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yatekereje gushyiraho ibiganiro byafasha abashakanye kubana neza. Kugira ngo iyo ntego igerweho, Minisiteri yatekereje gushyiraho imfashanyigisho yarushaho gufasha abatekereza gushinga urugo kumenya uburyo bahitamo neza ariko kandi n'ababana bakamenya uburyo bakwitwara kugira ngo umuryango wabo ubeho neza kandi n'abashakanye babane neza.

Kugira ngo iyo mfashanyigisho ikorwe, hifashisjwe itsinda ry'abashakashatsi bakurikira, Mukabaheshimana Didacienne, Muragwa Vincent, Gakwaya Vincent na Nsengimana Cyprien bibumbiye muri PGS¹.

Iyi mfashanyigisho ikubiyimemo ibiganiro 10 byose byuzuzanya bisozwa n'umwanzuro usaba abashakanye kunoza imibanire yabo. Kugira ngo haboneke umusaruro utegerejwe mu kubaka umuryango nyarwanda, ni ngombwa ko abafashamyumvire bategura imiryango kugira ngo byose babiganireho kandi bagire icyo biyemeza hagamijwe guhindura imyitwarire hagati yabo.

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango iboneyeho umwanya wo gushimira abagize uruhare bose muri iki gikorwa kugira ngo imfashanyigisho yo kunoza imibanire hagati y'abashakanye iboneke kandi inategura abazayikoresha kugira ngo izabafashe kunoza imibanire hagati yabo.

INYUMBA Aloisea

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

¹ PGS: Pioneer Global Services

I. IRIBURIRO

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry' Umuryango ifite inshingano zo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore no kuzamura ubushobozi bw'umugore binyuze muri gahunda zitandukanye z'iterambere ry'igihugu cy'u Rwanda. Ifite nanone inshingano yo guteza imbere umuryango nk'ishingiro kamere ry'umuco nyarwanda.

Imaze kubona ibibazo bigaragara mu ngo nyinshi z'abanyarwanda byiganjemo ubukene, kutumvikana ku micungire y'umutungo, kutavugisha ukuri hagati y'abashakanye, ubuharike, ubusambanyi, kurwana binabaviramo kwicwa,... Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yasanze ari ngombwa gutegura imfashanyigisho yafasha kunoza imibanire.


Iyi mfashanyigisho yakozwe hashingiye ku bushakashatsi bwagaragaje ko hari indangagaciro abashakanye bagomba kwitaho kugira ngo umubano wabo urangwe n'umunezero uhoraho.

Abantu biyemeza kubana bakundana kandi bemera ko urwo rukundo ruzakomeza kugeza bapfuye. Urukundo nirwo shingiro y'imibanire hagati y'abashakanye, rukunganirwa n'izindi ndangagaciro zigaragara mu ishusho iri ku ipaji ya 6.

Bimwe mu biranga urugo rw'abashakanye bakundana:

- ✚ Umugore afatanya n'umugabo kwita ku rugo rwabo ngo rugwize ibirutunga, kurwubaka rugakomera, gufatanya imirimo y'urugo ntawe uvunisha undi, gukora igenamigambi ryumvikanyweho, gufatanya gucunga neza umutungo w'urugo ntawe ushura undi bityo rukaba isoko y'umunezero.
- ✚ Abashakanye bagomba kugira indangagaciro zikurikira: kwizerana, kudahemukirana, gushyira hamwe no gufashanya, gufatira hamwe ibyemezo, kungurana ibitekerezo, kujya inama ku bigomba gukorwa byose, kugira ubumwe hagati yabo,...
- ✚ Abashakanye bagomba kumvikana uburyo bwo kuboneza urubyaro kandi bakagira inshingano zingana mu mirerere y'abana babyaranye (Kubagaburira, kubambika, kubajyana mu ishuri, kubavuzza, kubateganyiriza ejo hazaza,...)
- ✚ Abashakanye bagomba kubana mu mutekano usesuye nta ntonganya, nta mwiriyane mu rugo, bakagira urugo rugendwa kandi bagafasha abandi kubana mu mahoro. Iyo ibibazo bivutse, bajya inama y'uburyo bagomba kubikemura.

- ✚ Kugira ngo urugo rw'abashakanye rutere imbere, rugomba gushingira ku ndangagaciro kuri buri wese, urukundo rukaza ku isonga.
- ✚ Kugira ngo urugo rw'abashakanye rube isoko y'umunezero, ni uko umugabo n'umugore biyemeje kubana bashingira ubuzima bwabo ku rukundo hagati yabo aho kubushingira ku bintu. Ni ngombwa ko biyumvisha neza ko ibintu bishakwa bose babigizemo uruhare.



1.1. INTEGO Y'IMFASHANYIGISHO

Iyi mfashanyigisho yateguwe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango mu rwego rwo gufasha abashakanye kunoza imibanire yabo kugira ngo babane mu mahoro, ituze n'umudendezo hagamijwe kubaka umuryango nyarwanda ufite inkingi zikomeye, ziganisha ku iterambere rirambye.

1.2. ABO IMFASHANYIGISHO IGENEWE

Iyi mfashanyigisho igenewe gukoreshwa mu gihugu cyose n'abayobozi b'inzego z'ibanze, imiryango ikora ubukangurambaga mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo, imiryango yiyemeje gukemura no gukumira amakimbirane hagati y'abashakanye, abanyamadini, imboni zo kurwanya ihohoterwa, abitegura gushyingirwa ndetse n'abashakanye ubwabo.

1.3. UBURYO IMFASHANYIGISHO YATEGUWE

Kugira ngo iyi mfashanyigisho igerweho, hakoreshejwe uburyo bukurikira: gusoma inyandiko zifitanye isano n'imibanire y'abashakanye, ibiganiro mu matsinda n'abanyarwanda bo mu nzego zinyuranye, kuganira n'abayobozi mu nzego zitandukanye no guhuriza hamwe ibyavuye mu biganiro.

- Gusoma inyandiko zinyuranye byatumye tumenya muri rusange ibibazo bibangamira imibanire myiza y'abashakanye n'ingamba zagiye zifatwa n'inzego zinyuranye mu rwego rwo guteza imbere imibanire myiza yabo.
- Nanone mu rwego rwo kumenya imiterere y'ikibazo, itsinda ry'impuguke za PGS zasuye Uturere 5 aritwo Kayonza, Ruhango, Gicumbi, Rubavu na Nyarugenge. Muri buri Karere zasuye Umurenge umwe, zigirana ibiganiro n'abantu batandukanye bari mu matsinda 4 ateye ku buryo bukurikira:
 1. Itsinda rya mbere ryari rigizwe n'abayobozi bo mu rwego rw'Umurenge barimo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'U Imirenge n'Utugari, abayobozi b'Imidugudu, abahagarariye amadini, abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore n'abahagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko.

2. Itsinda rya kabiri ryari rigizwe n'abaturage b'abagabo n'abagore bubatse ingo.
 3. Itsinda rya gatatu ni iry'abanyeshuri bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye.
 4. Itsinda rya kane ni iry'urubyiruko rutiga.
- Kuganira n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye za Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, abagize Komite Nyobozi z'Uturere twasuwe byatumye hamenyekana uburemere bw'ikibazo cy'imibanire hagati y'abashakanye n'uburyo kigaragaramo.

Ibi byose byafashije gutoranya inyigisho zikubiye mu nsanganyamatsiko zikurikira:

1. GUHITAMO NEZA UWO MUZABANA;
2. KUGANIRA HAGATI Y'ABASHAKANYE;
3. KURWANYA UBUKENE, KWITEZA IMBERE N'IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO;
4. INOZA MPUZABITSINA HAGATI Y'ABASHAKANYE;
5. KUBONEZA URUBYARO;
6. UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE HAGATI Y'UMUGABO N'UMUGORE;
7. GUKUMIRA IHOHOTERWA HAGATI Y'ABASHAKANYE;
8. GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE HAGATI Y'ABASHAKANYE;
9. INSHINGANO Z'ABABYEYI MU BURERE BW' ABANA BABO;
10. URUHARE RW'AMATEGEKO MU KUNOZA IMIBANIRE Y'ABASHAKANYE;

1.4. UKO IYI MFASHANYIGISHO IZAKORESHWA

Kugira ngo iyi mfashanyigisho izagere ku nshingano zo kunoza imibanire hagati y'abashakanye, hakoreshejwe uburyo bubereye abantu bakuru.

Buri kiganiro kigizwe n'ibice bine byose biganirwaho mu gihe cy'isaha imwe.

1. Igice cya mbere ni ukwinjira mu kiganiro bigizwe no kwerekana igishushanyo, gusoma inkuru ngereranyo cyangwa ikinamico. Cyamara iminota 5.
2. Igice cya 2 cyitwa "**tubiganireho**". Abakurikira ibiganiro batanga ibitekerezo ku byo babonye ku gishushanyo cyangwa ibyo bumvise mu nkuru. Cyamara iminota 15.
3. Igice cya 3 cyitwa "**ibitekerezo by'ingenzi**". Muri iki gice, iyo abari mu biganiro barangije kugaragaza ibitekerezo byabo bishingiye ku buryo buteganyijwe, Umufashamyumvire ageza ku bakurikirana ikiganiro, ibitekerezo by'ingenzi abashakanye bakwiye kuba bazi bijyanye n'insanganyamatsiko y'ikiganiro. Cyamara iminota 30.
4. Igice cya 4 cyitwa "**twiyemeje iki?**" Kigizwe n'imyanzuro abashakanye bakwiye kuba bafata kugira ngo urugo rwabo rumererwe neza. Ikiganiro kirangira buri wese afashe umwanzuro w'icyo yiyemeje gukora mu rugo iwe kigamije guhindura imyitwarire n'imigirire ye. Cyamara iminota 10.

Ibiganiro uko ari 10 byose biruzuzanya ku buryo abashakanye bagomba kubiganiraho byose, bityo bikabafasha ihinduramikorere n'ihinduramyitwarire bizatuma banoza imibanire hagati yabo.

II. IBIGANIRO

IKIGANIRO CYA 1: GUHITAMO NEZA UWO MUZABANA

INTEGO: Gufasha abagabo n'abagore ndetse n'abasore n'inkumi bifuzaga kurushinga gusobanukirwa no kubahiriza inshingano zabo no kubereka ko urugo rukomeye ari urwubakiye ku ndangagaciro y'urukundo.

UBURYO BUKORESHWA: Gusesengura Ishusho



TUBIGANIREHO:

- Iyi shusho igaragaza iki?
- Mu bitekerezo by'aba bantu batatu ushyigikiye igitekerezo cy'uwuhe?
- Ni ikihe gitekerezo wamaganye?
- Garagaza impamvu y'igitekerezo cyawe?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- Kumenya guhitamo ni ingingo ikomeye y' uburenganzira bwa muntu. Umuntu yiga guhitamo akiri muto kandi akabifashwamo n'abamurera, bamuha ubwisanzure mu guhitamo ikimunogeye.
- Mbere yo guhitamo ubanza kumenya no gusobanukirwa ibyo uhitamo cyane ko uba ugomba kugereranya ibintu cyangwa abantu benshi kugira ngo umenye icyo ushimye kuruta ikindi. Guhitamo rero bisaba ubwenge, igihe n'ubushishozi.
- Guhitamo bishingira ku myumvire, ku myemerere, ku muco, ku ndangangaciro n'ibindi umuntu wese agenderaho kandi bishobora gutandukana n'iby'abandi bitewe n'aho yakuriye n'uburyo yabayeho kuva akiri muto.
- Guhitamo neza uwo muzabana bishingira ku muntu ntibishingira ku bintu kuko umunezero uturuka ku muntu ntutangwa n'ibintu. Ibintu bishobora gushira ariko urukundo rukarushaho kwiyongera iyo ari rwo rwahuje abashakanye. Naho iyo bahujwe n'ibintu cyangwa ibyubahiro ruyoyokana na byo.
- Ibintu ni ibishakwa, abakundanye barafatanye bakabibona.
- Abifuza kurushinga bagomba kugira "urukundo" intego yabo.
- Guhitamo kwabo bigomba gushingira ku ndangagaciro y'urukundo rwo nkingi itajegajega y'urugo kuko urukundo rurihangana, ntirwirarira, rurababarira, ruroroherana, ntirurarikira kandi ntirwikuza.

- Kugira ngo abashakanye babane neza ni ngombwa kumenyana. Mbere yo kubana, umusore n'inkumi cyangwa umugabo n'umugore bagomba gufata igihe cyo kumenyana. Kumenya amateka ya buri wese bifasha kumenya icyo buri wese yanga n'icyo akunda. Bibafasha kumenya aho umwe afite ubushobozi, aho afite intege nke, n'icyerekezo cya buri wese. Kandi buri wese agafata ingamba zatuma atabangamira mugenzi we.
- Gushinga urugo ni umushinga nk'iyindi yose, bigomba rero gutegurwa kandi umuryango ukabigiramo uruhare mu rwego rw'inama aho guhangayikishwa cyane n'ibirori by'umunsi w'ubukwe.
- Abagiye kurushinga bagomba kuganira ku ntego bazashingiraho urugo rwabo bakumvikana no ku ngamba zizatuma babigeraho (umubare w'abana batazarenza, uburyo bazacunga umutungo wabo nk'uko biteganywa n'amategeko aho bavuga ivangamutungo rusange, ivangamutungo w'umuhahano n' ivanguramutungo risesuye).
- Ababyeyi bagomba guha abana babo uburenganzira busesuye bwo kwihitiramo uwo bazabana, uruhare rwabo rukaba kubaha ibitekerezo.
- Muri iki gihe abasore n'inkumi bashingira ku bintu, ku buranga, ku byubahiro aho gushingira ku rukundo, bityo iyo ibyo bagiye bakurikiye biyoyotse bituma ingo zisenyuka kuko urwo rugo ruba rwubakiye ku bintu rutubakiye ku rukundo.
- Umuti rero ukaba ari uko ababyeyi bakubahiriza inshingano zabo ku bana babo, bakabaha n' urugero rwiza rw' urukundo no kubaha uburenganzira babategurira kuzubaka urugo rwabo neza.

TWIYEMEJE IKI?

- ✓ Gutoza abana bacu kumenya guhitamo neza;
- ✓ Gutegura abana bacu guhitamo uwo bazabana bashingiye ku rukundo bafitanye aho gushingira ku bintu n'ibyubahiro;
- ✓ Gufasha abana bacu gufata igihe cyo kumenya uwo bazabana bakirinda guhubuka mu guhitamo;
- ✓ Kudahatira abana bacu abo bagomba kubakana urugo;
- ✓ Twiyemeje gushaka uwo tuzabana dukurikije urukundo kuko ibintu ari ibishakwa.

IKIGANIRO CYA2: KUGANIRA HAGATI Y'ABASHAKANYE

INTEGO : Gufasha abashakanye kumva akamaro ko gutega amatwi mugenzi we, kumva ibitekerezo bye, kujya inama no gufatira hamwe umwanzuro.

UBURYO BUKORESHWA: Agakino hagati y'abari mu biganiro

AMABWIRIZA:

Fasha abashakanye kumva akamaro ko gutega amatwi mugenzi we ubakinisha aka gakino:

AGAKINO

1. Bakore amatsinda abiri agizwe n'abagore n'abagabo.
2. Tandukanya ayo matsinda yombi, itsinda rimwe ukwaryo irindi ukwaryo.
3. Saba buri muntu mu bagize itsinda rya mbere gutekereza inkuru ishimishije, isekeje cyangwa ibabaje, ahitemo uwo ayibwira mu rindi tsinda.
4. Jya mu itsinda rya kabiri, usabe buri muntu mu barigize kuza gukora ibishoboka arangare, ntatege amatwi mugenzi we naza kumubwira inkuru ye (ashobora kuba yisomera igitabo, yikinishiriza telefoni cyangwa ayivugiraho, gushishikazwa no kubaza cyangwa kumutekerereza indi nkuru, guhaguruka akitemberera, kumwuka inabi n'ibindi, mugenzi we abure umwanya wo kubara inkuru ye cyangwa acike intege yo kuyivuga)
5. Abo mu itsinda rya mbere bose nibamara kwitegura, buri wese ahitemo uwo mu itsinda rya kabiri amusange atangire kumubwira inkuru.
6. Bahe igihe kitarenze iminota ibiri kugira ngo babe barangije kubara inkuru zabo.
7. Igihe wabahaye nikirangira ubahagarike, usabe abantu bose gutuza hanyuma ubaze abo mu itsinda ryabaraga inkuru uko byabagendekeye n'uko bumvise bamerewe. Ha umwanya buri wese avuge ibye.

TUBIGANIREHO:

- Aka gakino kakwigishije iki?
- Kubera iki ari ngombwa gutega amatwi uwo mwashakanye?
- Uwo mwashakanye akoze ibintu nk'ibi wabigenza ute?
- Wakora iki kugira ngo bitaba?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- Kuganira kw'abashakanye ni umusingi w'urugo n'iterambere rirambye. Ni kimwe mu bituma abashakanye babana neza, bubaka urugo rwabo bizeranye kandi byongera urukundo hagati yabo.
- Kuganira ni umuti wo gukemura ibibazo hagati y'abashakanye. Bafatanya gushaka ibisubizo by'ibibazo byabo kandi byubaka urugo kuko bose baba bashyize hamwe ntibanyuranye mu magambo, bityo umutekano wabo ukiyongera.
- Iyo baganira bafata ingamba ku bibazo bireba urugo nko kuboneza urubyaro, imishinga yo kongerera umutungo urugo, uburere bw'abana....
- Guhana amakuru : Abashakanye bagomba kugira ubushake bwo kumenya amakuru, bumva radiyo, basoma ibinyamakuru, bitabira inama bituma biyungura ubwenge.
- Mu biganiro byabo bagomba kugira umwanya wo guhana amakuru yubaka batagendeye ku mpuha n'ibindi bidafite akamaro ndetse bakungurana ibitekerezo bahitamo ibifitanye akamaro urugo rwabo.

- Abashakanye bagomba kuganira n’abana babo kugira ngo bamenye ibyo bakeneye, ibyo bakunda n’ibibabangamira bakabibafashamo bitagombye kubagiraho ingaruka
- Gutega amatwi bifasha kumva ibitekerezo by’umuntu, amarangamutima afite, kandi biguha umwanya wo kumenya icyo usubiza udahubutse.
- Ni ngombwa kumenya igihe cyo kuganira ,aho muganirira n’uburyo muganira.
- Ingaruka ku bashakanye bataganira ni nyinshi: bahorana ibibazo kuko batabiganiraho ngo babikemure. Umwe akora ibye atagishije inama undi, bahora mu makimbirane bigatuma abana bafatwa nabi.
- Nta terambere riba mu rugo rw’abashakanye bataganira.

TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Gutega amatwi uwo twashakanye;
- ✓ Guha uwo twashakanye urubuga rwo gutanga ibitekerezo ku byerekeye gukoresha umutungo no guteza imbere urugo rwacu;
- ✓ Kumenya igihe gikwiriye cyo kuganira n’aho kuganirira hakwiriye;
- ✓ Kwirinda amazimwe kuko asenya urugo rwacu;
- ✓ Guhana amakuru mpamo kandi yubaka;
- ✓ Gufata umwanzuro ku byo twaganiriye n’uwo twashakanye.

IKIGANIRO CYA3: KURWANYA UBUKENE, KWITEZA IMBERE NO GUKOresha NEZA UMUTUNGO

ICYICIRO CYA 1: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'URUGO.

INTEGO: Gukangurira abashakanye inshingano zabo zo kwita ku muryango no kubakangurira kubwizanya ukuri ku mikoreshereze y'amafaranga n'indi mitungo yinjira mu rugo rwabo.

UBURYO BUKOreshwa: Gusoma inkuru ya Mukamurara

AMABWIRIZA: Mu gihe abandi bateze amatwi bucece basomere inkuru ikurikira, hanyuma bagire icyo bavuga ku biyikubiyemo.

INKURU

Mukamurara ni umugore ufite imyaka 37, atuye mu murenge wa Nyamirama, mu Karere ka Kayonza. Afite umugabo n'abana bane. Batuye hirya gato y'agasanteri, mu nzu nto y'ibyumba bibiri n'icyumba cy'uruganiriro, isakaje amabati ashaje. Batunzwe n'ubuhinzi nabwo budafashije ariko umugabo we ni umufundi wubaka amazu. Rimwe na rimwe hari igihe Mukamurara abona uturaka two guhingira abandi bakamuha amafaranga.

Hashize ukwezi, umugabo we Karenzi yujuje inzu yubakiraga umucuruzi kuri ako gasanteri. Nyamara nta faranga na rimwe yigeze azanira Mukamurara ngo ahahire urugo. Ibyo byatumye Mukamurara afata imyenda hirya no hino kugira ngo arebe ko abana baramuka. Iyo abajije umugabo we, amubaza ko uwo yubakiye atari yamuhemba ko bakwiye kwihangana kugeza igihe azamuhembera, nyamara akunze gutaha yagasomye. Ibyo Mukamurara akomeza kubyihanganira.

Muri iyi minsi, Mukamurara ntacana uwaka n'umugabo we. Kubera iki? Ubwo yari avuye kwikopesha ikilo cy'ibishyimbo ku gasanteri, yahuye na Karemera, umugabo wakoranye na Karenzi bubakira umucuruzi, amubaza niba hari akanunu ko uwo bubakiye ashobora kuzabahemba vuba. Karemera amubwira ko bahembwe kandi ko yabahaye amafaranga yabo yose, nta mwenda yabasigayemo. Akibyumva Mukamurara yabaye nk'ukubiswe n'inkuba. Arataha abibajije umugabo we, aratsemba. None ubu Mukamurara na we yafashe icyemezo cyo kujya ahaha agatekera abana be gusa bakarya bakabirangiza. Iyo umugabo we atashye araburara kandi hakaba intonganya mu rugo.

TUBIGANIREHO:

- Urugo rwa Mukamurara na Karenzi rufite ikihe kibazo?
- Ni nde ufite uruhare muri iki kibazo?
- Iki kibazo cyagize izihe ngaruka muri uru rugo?
- Wowe urabibona ute iwawe?
- Wakora iki kugira ngo ikibazo nk'iki kitaba mu rugo rwawe?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Umutungo ni kimwe mu bituma ubuzima bw'umuryango bugenda neza kandi hakabaho icyizere cy'imibereho y'ejo hazaza y'abawugize cyane cyane abana.
- ❖ Imicungire y'umutungo yaba myiza cyangwa mibi igira ingaruka ku mibanire y' abashakanye.
- ❖ Ni ngombwa ko abashakanye bumvikana ku micungire y'umusaruro (ibyavuye mu murima cyangwa amafaranga bakoreye)
- ❖ Abashakanye bagomba kumvikana ku bitunga urugo, ku bikoreshwa mu yindi mishinga nko kurihira abana amashuri, kwivuza, n'indi mishinga y'iterambere ry' urugo.
- ❖ Ni ngombwa ko abashakanye bumvikana ku musaruro ugomba kuzigamwa. Amafaranga yajyanwa mu bigo byo kuzigama no kugurizanya nk'UMURENGE SACCO cyangwa mu ma banki, ibiribwa byashyirwa muri gahunda yo guhunika kugira ngo bateganyirize ejo hazaza.
- ❖ Guhisha uwo mwashakanye imwe mu mitungo ugamije kwikemurira ibibazo byawe bwite (kujya mu tubari, gufasha bene wanyu, kujya mu nshoreke,...) ni ingeso mbi yo kwirinda. Iyo uwo mwashakanye agufashe umubeshya akantu gato ntiyongera kukugirira icyizere.

TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kuganira n'uwu twashakanye ku bijyanye n'imikoreshereze y'umugaruro w'urugo rwacu n'amicungire yawo;
- ✓ Kubahiriza inshingano zanjye zo kubonera abagize umuryango wanjye ibyo bakeneye;
- ✓ Gukora igenamigambi ry'ibikorwa bibyara umugaruro;
- ✓ Guteganyiriza ejo hazaza duhunka igice cy'umugaruro cyangwa tuzigama mu bigo by'imari iciriritse nk'UMURENGE SACCO cyangwa, mu mabanki igice cy'amafaranga;

ICYICIRO CYA 2:

URUHARE RWO KUNGURANA IBITEKEREZO NO GUFATIRA HAMWE IBYEMEZO MU BIKORWA BYO KWITEZA IMBERE

INTEGO: Gukangurira abashakanye kungurana ibitekerezo no gukora icyabafasha kwikura mu bukene no kwiteza imbere.

UBURYO BUKORESHA: Agakino k'ikinamico

AMABWIRIZA:

Mu gihe abandi bateze amatwi bucece, babiri mu bitabiriye ibiganiro basomere abandi nk'abakina aka gakino k'ikinamico. Hanyuma bagire icyo bavuga ku bikubiye muri aka gakino.

IKINAMICO:

Yohani, aratashye asanga Esiteri asohora ibirago n'isaso bararaho byanyagiriwe mu nzu ngo abishyire ku kazuba.

Yohani: Cyo re, mbe Esiteri, byagenze bite ko usohora isaso?

Esiteri: **(Atishimye)** Gira uti ahubwo noneho turarara he?

Yohani: Kubera iki?

Esiteri: **(Yimyoze)** Rwose nje ibi ndabirambiwe. **(Amurakariye)** Ariko Yoha, ubu tuzakomeza kuba mu kazu nk'aka kava, ko ubona imvura igwa tukarara duhagaze ubwo amaherezo azaba ayahe koko?

Yohani: None mugore wanjye, uragira ngo ngire nte ko nta bushobozi dufite ngo nanjye nubake inzu nziza nk'abandi?

Esiteri: Oya, dukwiye kugira icyo dukora natwe tugatera imbere, tugatura heza nk'abandi rwose. Nawe se aka kazu, ni ko ducyuramo amatungo, niko turaramo n'urubyaro, ni ko dutekamo, ubwo se urumva ibyo ari ibiki koko?

Yohani na Esiteri hashize igihe bari mu rugo rwabo.

Esiteri: (**Yishimye**) Ntubibona se noneho Yoha? Iyi nzu twiyubakiye si nziza?

Yohani: (**Yishimye**) Hora ceceka. Ubu se iyo tudashyiraho akacu ngo dukore, twari kuzapfa tubaye mu nzu y'ibati koko? (**Aseke**) Mbese ubu uheruka hano umwaka ushize tukiba muri ka karuri k'ibyatsi, aje aha yahamenya ra?

Esiteri: Ariko tekereza Yoha, uzi ko kuri aka gasozi kacu ari twe twenyine dufite inzu y'ibati?

Yohani: Rwose.

Esiteri: Cyakora byose tubikesha gukora

Yohani: Ariko cyane cyane iriya koperative winjiyemo.

Esiteri: Ahubwo we, nari nibagiwe kukubwira. Uzi ko mu mpera z'uyu mwaka tuzongera tukagabana inyungu!

Yohani: Rahira sha!

Esiteri: Noneho tuzayakoresha iki?

Yohani: Reka tuzagure matola n'intebe nziza. Oya nako tuzagura igare.

Esiteri: Njye ndumva twazagura inka ahubwo kugira ngo tujye tubona ifumbire ndetse n'abana bacu bajye banywa ayera.

Yohani: icyo gitekerezo ni cyo. Reka tubanze tuyigire koko ibindi tuzabikora nyuma.

Iherezo ry'agakino

TUBIGANIREHO:

- Uru rugo rwatangiranye ikihe kibazo cy'ibanze?
- Byagenze bite kugira ngo gikemuke?
- Nyuma yaho bafite iyihe migambi?
- Ubu buryo bakoresha mu gukemura ibibazo byabo urabutekerezaho iki?
- Wowe urabibona ute iwawe?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ N'ubwo atari ihame, akenshi ubukene mu muryango bushobora kuba intandaro y'imibanire mibi hagati y'abashakanye.(Aharaye inzara habyuka inzigo).
- ❖ Gutanga ibitekerezo, kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gufatanya kw'abashakanye mu bikorwa bibakura mu bukene n'ibiteza imbere urugo, bitera buri wese kwishimira undi kandi agahorana ishyaka ryo gukomeza gukora.
- ❖ Kurwanya ubukene no kwiteza imbere bisaba ko buri wese mu bashakanye agira uruhare muri ibi bikurikira:
 - ✓ Kuganira ku cyakorwa no kugitangaho ibitekerezo.
 - ✓ Gukora igenamigambi ryo gushaka umutungo no kuwukoresha kandi buri wese akagira uruhare mu kongera uwo mutungo no gufata ibyemezo byo kuwukoresha.
 - ✓ Kumva radio, kwitabira inama, kugana isomero, gusoma ibinyamakuru kugira ngo bamenye aho iterambere ry'igihugu rigeze
 - ✓ Kwitabira umurimo no kwifatanya n'abandi bibumbira mu makoperative agamije kubateza imbere.

TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Guha uwo twashakanye urubuga rwo gutanga ibitekerezo ku byerekeye kwiteza imbere;
- ✓ Kwitabira umurimo no kwifatanya n'abandi twibumbira mu makoperative kugira ngo urugo rwacu rutere imbere;
- ✓ Kwihangira imirimo ibyara inyungu y'urugo rwacu;
- ✓ Gukora igenamigambi y'ibikorwa by'urugo rwacu;
- ✓ Kuganisha ku mwanzuro wumvikanweho n'uwo twashakanye no kuwushyira mu bikorwa;
- ✓ Kwibumbira mu makoperative azatuma dutera imbere.

IKIGANIRO CYA 4: INOZA MPUZABITSINA HAGATI Y'ABASHAKANYE

INTEGO: Gufasha abashakanye kubungabunga urukundo rwabo mu gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina.

UBURYO BUKORESHA: Gusesengura inkuru.

Anyesi atuye mu Murenge wa Busengo mu Karere ka Gakenke. Afite umugabo n'abana bane. Bombi ni abahinzi borozi kandi bakunda umwuga wabo kuko ari wo ubabeshejeho. Iyo ageze mu rugo avuye guhinga, atangira gutegura ibyo umuryango uza kwiririrwa, ariko kandi aba agomba no gushaka ubwatsi bw'amatungo yabo batunze (inka 3 za kijyambere, ihene eshanu n'inkwavu cumi n'ebyiri). Iyo avuye muri ibyo, atangira gutegura ibyo bari burarire no kwita ku bana dore ko harimo n'impanga ebyiri baherutse kubyara. Iyo umugabo we avuye guhinga, aruhuka akanya gato ubundi agatemberera ku gasanteri kari hafi y'aho batuye, agataramana n'abandi mu kabari agataha nko mu masaa tatu y'ijoro. Anyesi aryama atinze ategereje umugabo kandi aba yaguye agacuho kubera imirimo myinshi aba yakoze.

Mu minsi ishize iyo umugabo we yatahaga yashakaga gutera akabariro ariko ugasanga umugore we atabishaka kubera uwo munaniro no kuba umugabo yarasangaga yasinziye. Rimwe na rimwe akabikora ari nko kumuhata. Anyesi yumvaga yarazinutswe imibonano mpuzabitsina. Ibyo byakuruye agatotsi mu mibanire yabo ku buryo umugabo yari yaratangiye gutekereza ko Anyesi ashobora kuba afite undi mugabo ku ruhande umuca inyuma, nyamara Anyesi akabihakana.

Nyuma y'amezi atari make babanye batyo, Anyesi yaganiriye na mugenzi we w'umuturanyi witwa Marita, bageze kuri iyo ngingo, atangazwa n'ukuntu Marita we yishimira icyo gikorwa cy'urukundo kinoza imibanire myiza hagati ye n'umugabo we. Ibyo byatumye Anyesi amutekerereza ikibazo afitanye n'umugabo we, amubwira ko atajya abikenera ndetse n'ubwo umugabo we abikora nta na rimwe ajya yumva bimushimishije. Cyakora atinya kubimubwira kuko nta gihe bajya babiganiraho. Byatumye Marita agira amatsiko menshi yo kumenya uko babayeho mu buzima bwa buri muni. Anyesi amutekerereza byose nk'incuti. Marita yasanze ikibazo gihari gikomeye ari uko ahora mu mirimo, igihe cyose akaba arushye, kandi bakaba batajya bagira umwanya wo kuganira kuri icyo gikorwa. Ibyo byatumye Marita amugira inama yo gutinyuka akabwira umugabo we uko aba amerewe, akamugaragariza amarangamutima ye yose. Koko, ni ko byagenze. Anyesi yaratinutse abwira umugabo we byose. Umugabo yababajwe no kuba atari azi uko umugore we abyumva, amusaba imbabazi, bajya inama, amwemerera kugabanya igihe yamaraga mu kabari, amwemerera kujya amufasha imirimo yo mu rugo. Ubu urukundo rwaragarutse, kandi hashize ukwezi Anyesi yishimira

umunezero akesha igikorwa cy'urukundo hagati ye n'umugabo we. Afite umugambi wo kuzajya gushimira Marita wamugiriye inama.

TUBIGANIREHO:

- Anyesi afite ikihe kibazo?
- Ni gute umugabo we yamenye ikibazo Anyesi afite?
- Kuki umugabo we atakimenye hakiri kare?
- Ugize ikibazo nk'icya Anyesi wabyifatamo ute?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- Imibonano mpuzabitsina ni igikorwa cy'urukundo hagati y'abashakanye kigomba gutegurwa kandi neza kugira ngo buri wese acyishimire.
- Ibindi abashakanye bashobora kubifatanya n'abana cyangwa inshuti ariko icyo ni igikorwa hagati y'abashakanye bonyine.
- Kugira ngo imibonano mpuzabitsina inogere abashakanye bisaba bimwe muri ibi bikurikira:
 - Kwereka mugenzi we urukundo n'urugwiro,
 - Kumenya mugenzi wawe bihagije: amarangamutima ye, kumenya ingingo z'umubiri zikiritwa kurusha izindi... Ibi bituma umugore n'umugabo bamenya ko batandukanye, bityo igihe cyo kugera ku munezero mu gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina kikaba nacyo gitandukanye. Ni ngombwa rero ko umugabo n'umugore bafatanye kugera kuri uwo munezero.
 - Buri wese agomba kugira umwanya wo kucyitegura, (kuba atananiwe kubera imirimo myinshi, kubanza kuruhuka bihagije nyuma y'imirimo umuntu yakoze, kuba nta mihangayiko, kubanza kubitekerezaho...).
 - Buri wese agomba gutegura mugenzi we (kumuguyaguya, kumureba neza, kumugaragariza urukundo, kumusekera,...).
 - Kuganira ku gikorwa mbere, mu gihe gikorwa na nyuma yacyo kugira ngo abashakanye bamenye niba bishimanye cyangwa hari ikibazo bagafatanye kugikemura.
 - Kuba utarwaye kuko icyo ufite ububabare nta munezero uba ufite, kuko imibonano mpuzabitsina ni inzira y'abantu babiri bagendana.
 - Kuba ufite isuku ku mubiri wawe n'ibyo wambaye ku buryo uwo mwashakanye atinubira impumuro iguturukaho.
 - Gushyiraho gahunda n'ingamba byatuma mushobora kuboneza urubyaro.

- Iyo abashakanye batabona umunezero muri iki gikorwa, biba intandaro y'amakimbirane, (guca inyuma uwo mwashakanye, guharika, kudaha agaciro uwo mwashakanye, kurwana, gusenya,...)
- Guca inyuma uwo mwashakanye bigira ingaruka zikomeye mu rugo
 - Bitera agahinda uwo mwashakanye;
 - Bibangamira urukundo rw'abashakanye;
 - Bibangamira uburere bw'abana;
 - Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nk'imatezi, Mburugu na SIDA.


TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kuganira ku gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina n' uwo twashakanye ;
- ✓ Kumenya no kubahiriza amarangamutima y' uwo twashakanye;
- ✓ Kurinda uwo twashakanye ibishobora kumutera umunaniro n'imihangayiko bikabije;
- ✓ Kwitegura no gutegura uwo twashakanye kugira ngo imibonano mpuzabitsina igende neza;
- ✓ Kudaca inyuma uwo twashakanye;

IKIGANIRO CYA 5: KUBONEZA URUBYARO

INTEGO: Gufasha abashakanye gufata icyemezo cyo kuboneza urubyaro nka bumwe mu buryo bwo kunoza imibanire myiza hagati yabo

UBURYO BUKORESHWA: Gusesengura ishusho



TUBIGANIREHO:

- Ni iki mubona kuri iyi shusho?
- Abana, ababyeyi bamerewe bate?
- Ni izihe ngaruka bafite zo kutaboneza urubyaro?
- Ni izihe nyungu zo kuboneza urubyaro?
- Ibibazo nk'ibi wabyirinda ute?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Abashakanye bagomba kuzirikana ko icyo bakora imibonano mpuzabitsina bashobora kubara bityo akaba ari yo mpamvu bagomba kumenya igihe cy'uburumbuke kandi bagatekereza ku cyava mu mibonano mpuzabitsina bakora.
- ❖ Urubyaro ni umugisha uhebuje abashakanye babona. Kurugira birashimisha nk'uko kurubura bitera agahinda gakabije.
- ❖ Nyamara ababahawe ni ngombwa kubaha ibyo bakeneye no kubateganyiriza uko bazabaho.
- ❖ Umwana agomba kwitabwaho kuva agisamwa kugeza akuze. Umwana uri mu nda akeneye gukura ku mubiri abikesha indyo yuzuye umubyeyi we afata amutwite no kubaka amarangamutima ye (ababyeyi birinda ibimubabaza, n'ibimuhungabanya) kuko bimugiraho ingaruka kuva akiri munda.
- ❖ Iyo avutse, cyane cyane mu myaka 3 ya mbere, ni ho ubwonko bwe bwiubaka. Akeneye urukundo rw' ababyeyi bombi bamuba hafi, bakamwitaho ku mubiri no kumufasha gutekereza kuvumbura no guhanga, kuko ari ho ubwenge bwe bukura. Udukinisho tubigiramo uruhare rukomeye hakurikijwe ikigero cy'umwana.
- ❖ Umwana kandi agomba guhabwa iby'ibanze mu buzima aribyo :
 - ✓ Kwitabwaho (kurya, kwambara, kuryama heza)
 - ✓ umutekano,
 - ✓ kwiga,
 - ✓ kuvuzwa
 - ✓ n'ibindi.

- ❖ Kugira ngo bishoboke ababyeyi bagomba kuboneza urubyaro, bakabyara abo bashoboye kurera (kubabonera indyo yuzuye kandi ihagije, kubambika, kubarihira amashuri abanza, ayisumbuye binashobotse na Kaminuza, kubavuzza, no kubaha ibindi bakenera mu buzima).
- ❖ Kuba ufite imitungo ihagije ntibivuga ko ugomba kubyara abana benshi kuko uretse n'ibibatunga, banakenera uburere busaba ababyeyi kubaba hafi, kandi ugomba no kureba ubushobozi bw'igihugu kuko buri wese abyaye uko yiboneye igihugu nticyabona amashuri, amavuriro, n'ibindi....
- ❖ Abashakanye bagana ibigo nderabuzima bakabagira inama, bakanabahitiramo uburyo bakoresha mu kuboneza urubyaro bakurikije uko umubiri wabo umeze.
- ❖ Kuboneza urubyaro bifitiye akamaro abashakanye:
 - Urugo nta nzara rugira.
 - Haba umunezero mu rugo.
 - Uwaboneje urubyaro ashobora kuzigama agatera imbere.
 - Gutekereza ku ngaruka y'imibonano mpuzabitsina (kubyara abana batateguwe).


TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kuganira n'uwu twashakanye ibijyanye no kuboneza urubyaro;
- ✓ Kubyara abo dushobora guha ibyangombwa byose kugira ngo babeho neza. (Ibyo kurya byuzuye, Imyambaro, kubavuzza, kubarihira amashuri,...);
- ✓ Kugana ibigo nderabuzima bidufasha kuboneza urubyaro.

IKIGANIRO CYA 6: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE BY'UMUGABO N'UMUGORE

INTEGO: Gufasha abashakanye kugira imyitwarire ishingiyeye ku bufatanye n'ubwubahane mu rugo rwabo.

UBURYO BUKORESHA: Gusesengura ishusho



TUBIGANIREHO :

- Ni bande mubona muri iyi shusho?
- Ni iki kigushimishije kuri iyi shusho?
- Ni iki kikubabaje kuri iyi shusho ?
- Kubera iki ? Ni irihe somo ukuyemo?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Iyo bavuze uburinganire n'ubwuzuzanye abantu bumva gahunda zigenewe abagore n'abakobwa aho kumva uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa.
- ❖ Uburinganire, ni uburenganzira bwo kubaho no kubaho neza umuntu wese avukana hatitaweho ko ari umukobwa cyangwa umuhungu. Gushyingirwa ntacyo bihindura kubyo abashyingiranywe bafitiye uburenganzira bugenewe umwenegihugu ahubwo bishimangira ubufatanye muri byose.
- ❖ Uburinganire n'ubwuzuzanye si igitsina gabo cyangwa gore nk' ingingo z'umubiri kuko bidahinduka
- ❖ Ibihe byo kumva ko umugabo aruta umugore cyangwa amurusha uburenganzira byararangiyeye. Na none uburinganire si ukwishyira hejuru k'umugore cyangwa gutera ipfunwe umugabo ahubwo ni gahunda iha umugore n'umugabo, umukobwa n'umuhungu amahirwe angana mu iterambere nko kwiga, kugira akazi n' uruhare ku mutungo w'urugo ku buryo bungana hagati y'umugore n'umugabo.
- ❖ Mu kugera ku iterambere gahunda y'uburinganire n'ubwuzuzanye yita kuri ibi bikurikira:
 - Guhabwa akazi no kugabana inshingano hitawe ku bushobozi bw'umugore n'umugabo.
 - Guhabwa amahirwe angana umugabo n'umugore, umuhungu n'umukobwa.
 - Kureshya imbere y'amategeko.
 - Kugira ijambo muri gahunda y'urugo no guha agaciro ibitekerezo by'uwo mwashakanye.
 - Kugira uruhare ku mutungo.
 - Iyo uburinganire n'ubwuzuzanye bibuze, aba ari **ihohoterwa**.

- ❖ Uburinganire n’ubwuzuzanye ni uburyo abashakanye bafatanya kubaka urugo rwabo, buri wese akagira icyo amara ku mirimo y’urugo rwabo bikurikije uburyo, amikoro n’ubushobozi bwe. Icyo umwe adashoboye undi akamwunganira ntawe uvunisha undi, bigamije iterambere ry’urugo rwabo.
- ❖ Mu muco nyarwanda hari imirimo yari imenyereye ko ikorwa n’abagabo cyangwa abagore. Ubu siko bimeze kuko hari abagore bubaka inzu nk’uko hari abagabo bateka. Ibyo ariko bigarukira mu mirimo ihemberwa. NK’uko byahindutse mu mirimo ikorerwa hanze y’urugo ni nako bikwiye kumera iwabo mu ngo, abashakanye bakagabana imirimo nta pfunwe rishingiye ku miterere yayo. Mu rwego rwo kwimakaza umuco w’ uburinganire n’ubwuzuzanye, abashakanye bagomba gutoza abana babo gukora imirimo bidashingiye ku gitsina bafite.
- ❖ Uburinganire n’ubwuzuzanye bw’abagore n’abagabo bifatwa nk’aho abagore bigaranzuye abagabo. Ko nta mugore ucubaha umugabo, ko abagabo basuzugurwa. Nyamara, uburinganire n’ubwuzuzanye bituma abashakanye bafatanya muri byose, baja inama ntawe uvunisha undi, bikagira ingaruka nziza kuko n’iyo ibyo bakoze bitatunganye ntawe uhinduka undi kuko baba bafatanije. Bituma na none buri wese yubaha mugenzi we, ibyo bakoze bikaramba.
- ❖ Ingingo ya 2 y’**Itegeko N° 51/2007**: Uburinganire n’ubwuzuzanye bw’abagore n’abagabo ni ukugira amahirwe angana kandi asesuye ku bagore n’abagabo yo gukoresha uburenganzira bwabo bwa muntu n’ubushobozi bwabo, bakagira uruhare rungana mu bikorwa byose by’iterambere ry’igihugu haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibereho myiza n’umuco, bakanabona ku musaruro uvuyemo ku buryo bungana.

TWIYEMEJE IKI ?

Kugira umuco wo:

- ✓ Guha amahirwe angana abana bose, abahungu n'abakobwa, kugira ngo bagire uruhare mu iterambere (kwigira, gukora imirimo, guhabwa agaciro, kubaha ijamba...);
- ✓ Gufashanya muri byose ntawe uvunisha undi;
- ✓ Gutege amatwi uwo twashakanye, kumuha agaciro no guha agaciro ibitekerezo bye;
- ✓ Gufatira hamwe ibyemezo bireba urugo rwacu (Gahunda y'ibizakorwa, uko bizakorwa, uruhare rwa buri wese, imicungire y'umutungo...);
- ✓ Gusangira inyungu cyangwa igihombo bizavamo.

IKIGANIRO CYA 7: GUKUMIRA IHOHOTERWA HAGATI Y'ABASHAKANYE

INTEGO: Gufasha abashakanye kwirinda guhohoterana

UBURYO BUKORESHWA: Gusesengura inkuru.

Furaha ni umugore w'imyaka mirongo itatu. Arubatse, afite abana bane bose b'abakobwa. Agifite imyaka cumi n'irindwi yigaga mu mashuri yisumbuye mu mwaka wa kane. icyo gihe yagiranye ubucuti na Karoli, wari veterineri mu Karere yigagamo. Uwo muhungu yamuteye inda, bituma ahagarika amashuri maze ahita ajya kubana na we.

Furaha amaze kubyara imfura n'ubuheta yagiranye ibibazo na Karoli, watangiye kujya amutuka, amucyurira ko ntacyo amaze mu rugo, dore ko nta kazi kinjiza amafaranga yari afite. Karoli yaje gukundana n'undi mukobwa ugiye kurangiza muri Kaminuza.

Furaha, aho abimenyeye, yabibajije Karoli, amusubiza ko bitamureba. Kuva uwo muni Karoli yatangiye ingeso yo gutaha atinze kandi buri gihe uko ahageze agakubita Furaha. Ibintu byaje kuba bibi. Karoli yafashe ingeso yo kutazongera guha umugore we amafaranga yo guhahira urugo, ahubwo agahabwa umukozi akaba ariwe uhaha.

Ubu Furaha yarwaye indwara y'igituntu. Yagiye kwa muganga bamuha imiti ariko bamubwira ko agomba kurya indyo yuzuye kugira ngo imiti ishobore kumugirira akamaro. Umugabo yamubwiye ko amafaranga agura ibyo ashaka atayabona. Furaha yitabaje kwa sebukwe, maze bamutera utwatsi ngo nashaka azigendere ngo n'ubundi agiye guca umuryango. Ubu aratabaza Umurenge.

TUBIGANIREHO:

- Muri iyi nkuru mwumvise iki ?
- Furaha yahuye n'ibihe bibazo?
- Ibibazo nk'ibyo hari ahandi mubizi?
- Ari wowe bibayeho wabyifatamo ute?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Hari amoko ane y'ihohoterwa akunze kugaragara mu ngo:
 - ✚ hari ihohoterwa rijyanye no kwangiza umubiri nko gukubita , kwicishwa inzara, gutwika ingingo z'umubiri, gukoresha imirimo ivunanye, gukomeretsa bishobora no kuvamo kwica.
 - ✚ hari ihohoterwa ryerekeranye no gutera intimba, gushengura umutima cyangwa guhoza uwo mwashakanye ku nkeke, birimo kutamuganiriza, kumutuka, kumutoteza, kumutesha agaciro n'ibindi.
 - ✚ hari ihohoterwa rishingiye ku mutungo nko kumubuza kugira uruhare ku mutungo w'urugo, kuwupfusha ubusa, kuwusesagura, kuwugurisha cyangwa kuwutangaho impano mutabigiyeho inama.
 - ✚ hari n'irishingiye ku gitsina birimo gusambanya abana bataragira imyaka y'ubukure, gukoresha imibonano mpuzabitsina uwo mwashakanye utamuteguye,...
- ❖ Ihohoterwa rifite ingaruka ku bwonko, ku marangamutima no ku mubiri. Riteza umutekano muke, kwiheba, ubukene bugataha mu rugo.
- ❖ Abashakanye bagomba gukumira ihohoterwa hagati yabo, basobanukirwa uburenganzira n'amategeko, bayashyira mu bikorwa, kandi uhohoteye undi akabihanirwa kugira ngo atazabisubira.
- ❖ Ihohoterwa rihanwa n'amategeko.


TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kubahiriza uburenganzira bw'uwo twashakanye (Kubaho, kugira ubuzima bwiza, gutanga ibitekerezo...);
- ✓ Gukurikiza inshingano twiyemeje (Kubahana, guhahira urugo, kudasesagura, guteganyiriza ejo hazaza, kurera abana twabyaranye....);
- ✓ Kwiubakamo indangagaciro z'umuco nyarwanda n'imyemerere (Urukundo, kwihanganirana, kubahana, gufashanya imirimo.....);
- ✓ Kudahohotera uwo twashakanye (Kutamutuka, kutamukubita, kutamwicisha inzara, kutamusebya,....).

IKIGANIRO CYA 8: GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE HAGATI Y'ABASHAKANYE

INTEGO: Gufasha abashakanye kwirinda amakimbirane no kuyakemura igihe yavutse.

UBURYO BUKORESHA: Gusesengura ishusho



TUBIGANIREHO:

- Ni ibiki bigaragara kuri aya mashusho ? (Vuga kuri buri shusho)
- Uyu muryango ufite ibihe bibazo?
- Byatewe n'iki? Bifite izihe ngaruka?
- Ni ayahe masomo ukuyemo?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Abantu babana bakunze kugirana ibibazo. Rimwe na rimwe ikibazo gishobora kubyara impagaragara ndetse n'imirwano. Ibibazo ariko bishobora no kuvugwaho, bityo bigashakirwa umuti ntawe uvujishe undi amaraso cyangwa ngo amuhe inkoni, gutongana cyangwa kurwana sibyo bikemura ibibazo hagati y'abashakanye.
- ❖ Amakimbirane hagati y'abashakanye ashobora kuva kuri bo ubwabo cyangwa se agaturuka hanze y'urugo rwabo (mu baturanyi, mu miryango bakomokamo, mu nshuti,...).
- ❖ **Gukumira amakimbirane** ni ukuganira kw'abashakanye, gukora gahunda ihamye y'urugo, kugabana inshingano, kumvikana ku micungire y'umutungo, kubana neza n'abandi, kubaha indangagaciro zishingiye ku muco n'imyemerere, gukoresha ukuri, gukundana, kubaha uburenganzira bw'uwo mwashakanye, kwihanganirana, gutega amatwi, kubaha amategeko.
- ❖ **Gukemura amakimbirane** : Bisaba kubanza **kwiubakamo ubushobozi** bushingiye ku ndangagaciro z'umuco n'imyemerere nk'ukuri, kudahubuka, kubahana, kutabogama, gutega amatwi, kudatukana,....
- ❖ Ni ngombwa **gusesengura** ukamenya icyateye amakimbirane, abayafitemo uruhare, igihe amaze, uburemere bwayo, n'ingaruka afite kuri buri muntu.
- ❖ Akemurwa rero iyo hitaweho inyungu bombi bahuriyeho, gusaba imbabazi no gusana ibyangiritse (Umutima, umubiri, n'ibintu).

- ❖ Kuganira no kugira indangagaciro ni inzira iboneye yo kwirinda no gukemura amakimbirane mu mahoro bikaba n'intambwe ikomeye ku iterambere ry'urugo.
- ❖ Hari n'abandi bafasha abashakanye mu gukumira no gukemura amakimbirane hagati yabo harimo imiryango bakomokamo, abanyamadini, abayobozi,...

 **Ibikunze kuba intandaro y'amakimbirane hagati y'abashakanye:**

- ❖ Ubukene;
- ❖ Kutumvikana ku micungire y'imitungo;
- ❖ Kutavugisha ukuri hagati y'abashakanye;
- ❖ Ubuharike, ubusambanyi, ubushoreke;
- ❖ Guhoza umugore ku nkeke;
- ❖ Amazimwe y'abantu bo hanze;
- ❖ Imibanire n'imiryango abashakanye bakomokamo;
- ❖ Gusebanya.


TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kuganira no gutega amatwi uwo twashakanye;
- ✓ Gukundana no kubahana;
- ✓ Kwirinda guhangana no guhubuka;
- ✓ Gukora gahunda y'urugo no kuzuza inshingano za buri wese;
- ✓ Kumvikana ku mikoreshereze y'umutungo;
- ✓ Kwiha agaciro no kubaha uburenganzira bw'uwo twashakanye;
- ✓ Kwirinda amazimwe;
- ✓ Kugira ubushishozi mu byo dukora;
- ✓ Kubaha amategeko;
- ✓ Gusaba imbabazi.

IKIGANIRO CYA 9: INSHINGANO Z'ABABYEYI MU BURERE BW' ABANA BABO.

INTEGO: Gukangurira ababyeyi kwita ku bana babo no kubaha urugero rwiza rw'indangagaciro z'urukundo zizabafasha kubaka urugo rwabo

UBURYO BUKORESHWA: Gusesengura ishusho



TUBIGANIREHO:

- Iyi shusho igaragaza iki?
- Ababyeyi bari gukora iki?
- Abana bari gukora iki?

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ Muri iki kiganiro, ijambo ababyeyi risobanura ababyaye abana, ababarera batarababyaye n'abarerera mu bigo by'imfubyi.
- ❖ Ababyeyi bafite inshingano zo **kwigisha abana** babo (kubaha amakuru n'ubumenyi ku byo bakeneye kumenya mu kigero cyabo , **kubaha urugero rwiza** kuko abana bigira ku byo babona cyangwa bumva (Uwiba ahetse aba yigisha uwo mu mugongo), **kubatoza umuco wo kuganira no gushyikirana** mu muryango,...
- ❖ Ababyeyi rero nibo barema indangagaciro z'abana babo, zituma bakurana ubumuntu ari nabwo bubafasha gukunda by' ukuri no gukomera ku isezerano.
- ❖ Ababyeyi ni indorerwamo abana bireberamo. Batoza abana babo kubana neza mu rukundo n' ubworoherane bishingiye ku burenganzira buri wese afite nk'umuntu. Ababyeyi bafite n'inshingano zo kubaha ubushobozi bwo kubaho no kuzibeshaho neza babategura kuzaba abagore n'abagabo b'ingirakamaro.
- ❖ Abana barezwe muri iyi miryango, bakurana ubwenge, ubushishozi, ubushobozi n' ubumuntu bibafasha guhitamo badahubutse kandi badashingiye ku bintu ahubwo bagashingira ku rukundo rw'umuntu.
- ❖ Ababyeyi bafite inshingano zo gufasha abana:
 1. **Gukura neza ku mubiri :**
 - kubaha indyo yuzuye irimo ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara
 - kubarinda indwara harimo kubavuzza, kubambika, kubabonera aho kuba heza,...
 - kubagirira isuku,
 - kuborohera kwidagadura,

2. **Mu marangamutima:** babaha urukundo ruhagije kandi birinda gukomeretsa amarangamutima yabo birinda kubatuka , kubakubita, kubahutaza no kubima ibyo bakeneye. Ariko ibi ntibibabuza igitsure cya kibyeyi igihe ari ngombwa.
 3. **Mu bwenge:** babaha amakuru bakeneye mu bumenyi bwabo kuva bakiri bato, babajyana ku ishuri, babaha ibikoresho bakeneye mu ishuri, bakanabakurikirana mu masomo yabo, kubaha uburenganzira n’umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo.
- ❖ Umwana warezwe muri ubu buryo agira:
 - urukundo nyakuri;
 - Ubushobozi bwo guhitamo ibimufitiye akamaro;
 - Yiha agaciro, akabana neza n’abandi kandi akazanashobora kurera neza abo azabyara.
 - ❖ Imyitwarire y’ababyeyi niyo iha abana icyerekezo kizima cy’ ubuzima bwabo kuko akenshi ibikomere abantu bagize mu bwana, aribyo bibagiraho ingaruka bakuze bigatera ingaruka zitari nziza mu mibanire yabo no mu muryango mugari.
 - ❖ Ikibabaje kuri iki gihe ni uko ababyeyi bamwe baha abana babo urugero rubi, bagatesha agaciro imibanire y’ abashakanye, ku buryo bifite ingaruka nyinshi ku bitekerezo no mu migirire y’abana :
 - Bamwe bahitamo kudashaka,
 - abandi bagahitamo kubyarira iwabo ntibashake,
 - abandi bagahitamo kubana bahuje ibitsina kubera imibanire mibi babonana abagore n’abagabo,
 - abandi bakajya gushaka imburagihe cyangwa nabo badakuze, bahunga ibibazo biri mu rugo iwabo nk’amahane n’ubukene,
 - abandi nabo bakajyanwa n’agahato k’umuco ngo batazasekwa ngo ntibashatse,
 - Abandi bakajyanwa n’irari ry’ibintu ndetse n’ibyubahiro
 - ❖ Ibi byose rero nibyo biba intandaro zo guseniyuka kw’ingo nyinshi muri iki gihe. Ntibiborohera kubana n’abo bashakanye kuko baba bafite isura mbi ku muryango bitewe n’ibyo babayemo, bikaba byaba impamvu yo gusenya.

TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Kubahiriza inshingano zo kurera neza abana bacu ;
- ✓ Guha abana bacu ingero nziza muri byose ;
- ✓ Kurera abana bacu mu burunganire n'ubwuzuzanye ;
- ✓ Kutagaragara ingeso mbi zatumye abana bacu bagira imyitwarire mibi.

IKIGANIRO CYA 10: URUHARE RW'AMATEGEKO MU KUNOZA IMIBANIRE Y'ABASHANYE

INTEGO: Gufasha abashakanye gusobanukirwa amategeko atuma banoza imibanire hagati yabo.

UBURYO BUKORESHWA: Kuganira ku ruhare rw'amategeko ashimangira imibanire y'abashakanye

IBITEKEREZO BY'INGENZI

- ❖ **Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda** mu irangashingiro rigira riti:
« Twiyemeje guharanira ko haba uburenganzira bungana mu Banyarwanda no hagati y'Abagore n'Abagabo bitabangamiye amahame y'uburinganire n'ubwuzuzanye bwabo mu iterambere ry'Igihugu ».
- ❖ Ingingo ya 15 : Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahunzabanywa ku mubiri no mu mutwe.
- ❖ Ingingo ya 16: Abantu bose barangana imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe nta vangura iryo ari ryo ryose.
- ❖ Ingingo ya 26: Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranywa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana.
- ❖ Ingingo ya 27: Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo.

❖ **Itegeko N° 42/1988 Interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano:**

❖ Ingingo ya 15: Umuntu agira uburenganzira kuva akivuka akabubuzwa n'uko apfuye.

❖ Ingingo 169 : Ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe bukorewe imbere y'ubutegetsi nibwo bwemewe bwonyine n'itegeko.

❖ Ingingo ya 197-205 zigaragaza imirimo nshinganwa ikomoka ku gushyingiranwa.

❖ Ingingo ya 236 : Ishyingirwa riseswa n'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe no gutana burundu kw'abashyingiranywe

❖ Ingingo ya 237 : Buri wese mu bashyingiranywe ashobora gusaba gutana burundu kubera :

➤ igihano cy'icyaha gisebeje cyane;

➤ ubusambanyi;

➤ guhoza undi ku nkeke;

➤ kwanga gutanga ibitunga urugo;

➤ guta urugo igihe cy'amezi cumi n'abiri nibura;

➤ kumara nibura imyaka itatu batabana ku bushake bwabo.

❖ **Itegeko N° 22/99 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura (Ingingo ya 1 kugera ku ya 24) ziteganywa ibyerekeye imicungire y'umutungo hagati y'abashakanye:**

➤ **ivangamutungo rusange** (ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ibyimukanwa n'ibitimukanwa kimwe n'imyenda yabo yose);

➤ **ivangamutungo w'umuhahano** (ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyingirwa kugira ngo bibe iremezo ry'ibihahano, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa);

- **ivanguramutungo risesuye** (ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gufata neza urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, bakagumana ukwikenuza; ugucunga no gukoresha uko bikwiye umutungo wabo bwite).
- Iyo batagize icyo batangaza, imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe ikurikizwa ni ivangamutungo rusange.
- ❖ **Ingingo ya 43 ivuga ibyerekeye iminani:** Abana bose nta vangura hagati y'abahungu n'abakobwa bagira uburenganzira ku munani.
- ❖ **Ingingo ya 50 ivuga iby'izungura :** Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari aba nyakwigendera bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa.
- ❖ Iyo umwe mu bashyingiranywe atubahirije imirimo nshinganwa, uwo bashyingiranywe ashobora kuregera urukiko kugira ngo hafatwe ibyemezo by'agateganyo birengera urugo cyane ibyita ku bana.

TWIYEMEJE IKI ?

- ✓ Gukurikiza amategeko kugira ngo tugire urugo rwiza

UMWANZURO

Muri iki gihe, mu mihango y’ubukwe hagaragaramo igihe cyo gutanga impano. Ni gake ibirori birangira hatabonetsemo utanze impano yanditseho “ Muzagire urugo ruhire”. Ibyo kandi bikunze kugaruka mu ndirimbo no mu misango y’ubukwe. Abaje kwizihiza ibirori bose baba bashaka ko umugore n’umugabo bashinze urugo bazabana neza buri wese yishimiye mugenzi we.

Iyi mfashanyagisho yateguwe igamije kunoza imibanire hagati y’abashakanye. Nk’uko bigaragara , ibiganiro bitandukanye dusangamo ibyo imiryango yashingiraho kugira ngo abashakanye baganire ku bibazo biri mu ngo zabo ndetse no mu baturanyi kugira ngo ahatewe intambwe bayishyigikire naho ahari ibibazo bishakirwe umuti. Imfashanyigisho ku mibanire y’abashakanye ni intango mu zindi gahunda zo guteza imbere umuryango mu rwego rwo kugira ngo urangwe n’ituzwe n’iterambere.

Nyuma y’ibiganiro 10 turangije, ni ngombwa ko abakurikiranye amahugurwa bafata umwanzuro bagaragaza indangagaciro zikwiye kugarara kuri buri wese mu bashakanye. Ikigamijwe ni ~~uko~~ ugufasha abashakanye kumenyana no kumenya ibyo buri wese agomba gushyiramo ingufu kugira ngo bubake urugo ruhire. Abashakanye bagomba kurebera hamwe **ibiranga umugabo kandi binogeye umugore bashakanye n’ibiranga umugore kandi binogeye umugabo kugira ngo bombi bagire urugo ruhire.**

Bimwe mu bishimisha uwo mwashakanye turabisanga mu mirongo ikurikira:

- ✓ Urukundo rutagira ikizinga , gutega amatwi uwo mwashakanye, ukamenya ibyo akeneye ku nyungu z’urugo;
- ✓ Guha agaciro, icyubahiro n’ubwisanzure bihagije uwo mwashakanye;
- ✓ Gufatanya n’uwo mwashakanye gucunga umutungo w’urugo (amafaranga, umusaruro, amazu n’ibindi);
- ✓ Guha abana urukundo n’uburere bwiza;
- ✓ Kutiyandarika cyane cyane mu businzi no guca inyuma uwo mwashakanye;
- ✓ Gufatanya n’ uwo mwashakanye mu mirimo y’urugo;
- ✓ Guhuza urugwiro n’uwo mwashakanye mu gihe muri mu mabanga y’abashakanye;
- ✓ Guhangayikishwa no kumenya uko uwo mwashakanye yiriwe;

- ✓ Kwihanganira uwo mwashakanye mu bihe by'ubukene cyangwa by'uburwayi;
- ✓ Kumenya igihe cyiza cyo kubwira uwo mwashakanye ibibazo by'urugo;
- ✓ Kugira isuku mu byo bakora byose;
- ✓ Kwita ku bashyitsi b'uwo mwashakanye n'ab'abana no kubaha icyubahiro kibakwiye;
- ✓ Kuzuza inshingano z'urugo no kubahiriza uburenganzira bw'uwo mwashakanye.

Mu gusoza amahugurwa, abashakanye bayakurikiranye baganira kuri izi ngingo bashobora no kongeramo izindi zifitanye isano nazo cyangwa zaza zizunganira. Barangiza bafata umwanzuro w'uburyo bagiye kunoza imibanire yabo.

INYANDIKO ZAKORESHEJWE

1. CURTIS L. et associé (s.d), **Ababyeyi ni abarimu**
2. COSBY, B. (1989), **Love and marriage**
3. HALL, F. (s.d), **The two- career couple**
4. Institut Canadien pour la résolution des Conflits; (Octobre 1998), **LA MEDIATION**, Université Saint Paul
5. **ITEGEKO N° 42/1988 Interuro y'ibanze y'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano.**
6. **ITEGEKO N° 22/99 ryuzuzanya igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura**
7. **ITEGEKO No 27/2001 RYO KUWA 28/04/2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa**
8. **ITEGEKO N° 51/2007 RYO KUWA 20/09/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'igihugu**
9. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, **Imfashanyigisho ikubiyemo uburyo bwo gutegura no gushyira mu bikorwa imishingwa yo ku nzego z'ibanze igamije amahoro n'ubwiye (s.d)**
10. Minister in the Prime Minister's Office in Charge of Family promotion and Gender, (December 2005), **National policy for family promotion**, Kigali,
11. Ministeri y'Ubutabera (Nzeri 2008), **Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nkuko ryavugururwe kugeza ubu.**
12. LEBRUN, F. (1998), **la vie conjugale sous l'ancien régime**
13. LOHISSE, J. (2001), **la Communication : de la transmission à la relation**
14. OLSON, D. (2000), **Marriage and the family, diversity and strengths.**
15. ROJZMAN, C; (2008), **Sortir de la violence par le conflit, une thérapie sociale pour apprendre à vivre ensemble**, La découverte